Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburasirazuba
Akarere ka Rwamagana

# ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka RWAMAGANA ku bufatanye na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA) ndetse n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) bateguye igikorwa cyo **kubarura abantu bose badafite akazi**. Iyi gahunda irareba abantu bose bafite hagati y'imyaka 16-64 **(abatarize, abarangije kwiga amashuri abanza n'ayisumbuye, TVET n'amashuri makuru mu byiciro byose**) bakaba nta kazi bafite kandi bifuza kugira icyo bakora.

Iki gikorwa kizatangira **kuva tariki ya 18-30 ukuboza 2025** kikazakorerwa mu tugari twose tugize akarere ka RWAMAGANA. Uwiyandikisha arasabwa kugera ku Kagari kamwegereye ku matariki yavuzwe haruguru guhera saa tatu za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba **(09H00-17H00)** yitwaje indangamuntu kandi yiteguye gutanga amakuru asabwa kuri iyi gahunda.

Bikorewe I Rwamagana kuwa 16/12/2025

**MBONYUMUVUNYI Radjab**

Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana